FEDERATION RWANDAISE DE FOOTBALL ASSOCIATION

B.P. 2000 Kigali
Email: ferwafa@yahoo.fr
Web site: www.ferwafa.rw

AMABWIRIZA AGENGA IRUSHANWA RY'ABAKINNYI BIGEZE GUKINA UMUPIRA W'AMAGURU (FERWAFA VETERANS CUP 2019)

IRANGASHINGIRO

Ingingo ya 1
Irushanwa ry'abakinnyi bigeze gukina umupira w'amaguru rizatangira tariki ya 09/06/2019 risozwe tariki ya 04/07/2019.

Ingingo ya 2
Kugira ngo ikipe ikine irushanwa ry'abakinnyi bigeze gukina umupira w'amaguru ni uko iba yariyandikishije muri FERWAFA kandi yarishyuye amafaranga yo kwiyandisha ibihumbi ijana by'amafaranga y'u Rwanda (RWF. 100,000).

Ingingo ya 3
Abakinnyi bemerewe gusimbura ni batandatu gusa mu mukino.

Ingingo ya 4
FERWAFA niyo ifite ububasha bwo gutanga gahunda yerekana uko amakipe azahura,ikanayihindura mu gihe bibaye ngombwa. Ifite kandi inshingano yo gushaka Imbangukiragutabara (ambulances) n'abashinzwe umutekano ku bibuga bizaberaho imikino.

Ingingo ya 5
Umukinnyi uhawe ikarita itukura cyangwa agize amakarita atatu y'umuhondo ntiyemerewe gukina umukino ukurikira.

Ingingo ya 6
Ikipe ikinisha abakinnyi batanzwe kuri lisiti iriho kasha(cachet) n'umukono w'umuyobozi uhagarariye ikipe mu mategeko mbere y'uko irushanwa ritangira.

Ingingo ya 7
Buri kipe igomba gushyikiriza urwego rubishinzwe rwa FERWAFA Ibyangombwa by'abakinnyi bikurikira mbere y'uko irushanwa ritangira:

-Indangamuntu y'umwimerere (orginal ID) cg Passport & Laissez Passer
-Urutonde ruriho kashi (cachet) n'umukono w'umuyobozi uhagarariye ikipe mu mategeko)

Ingingo ya 8:
Hemerewe gukina abakinnyi bari hejuru nibura y'imyaka 40 n'abandi 5 bari hagati y'imyaka 35 na 40.

Hejuru y'imyaka 40, ikipe yemerewe gukinisha umubare w'abanyamahanga ishaka naho hagati y'imyaka 35 na 40 ikipe yemerewe gukinisha abanyamahanga batari hejuru ya babiri. Icyakora,Ku rutonde rw'abakinnyi 18 bajya ku rupapuro rw'umukino (feuille de match) nta kipe ishobora gushyiraho abanyamahanga barenze 3.

Ingingo ya 9:
Umukinnyi yemerewe gukina mu ikipe imwe kuva irushanwa ritangiye kugeza risojwe.Umukinnyi yemerewe gukinira ikipe imwe mu irushanwa.Mu gihe
Umukinnyi agaragaye ku rutonde rw'amakipe arenze imwe ni we wihihitiramo ikipe azakinira.

Ingingo ya 10:
Ikipe yasuwe n'iyanditswe bwa mbere ku ngengabihe y'iryo rushanwa akaba ari nayo ishinzwe gutunganya n'ibijyanye n'ikibuga harimo:

- ✓ Gusiga imirongo iranga ikibuga aho itari,
- ✓ Gushaka inshundura z'amazamu, icyapa cyo gusimburizaho abakinnyi (tableau de remplacement) amabandera yo mu nguni z'ikibuga (Drappeau de coin),
- ✓ Gushaka intebe bicaraho n'isuku ya sitade

Ingingo ya 11:
Ikipe isabwa kwambara imyenda yabugenewe ya siporo ifite nimero zigaragara, kandi ikipe yasuye yavuzwe bwa kabiri isabwa kwitwaza imyambaro ibiri ifite amabara atandukanye mu kwirinda guhuza amabara. Kwambara protège tibia ku mukinnyi ni itegeko.

Ingingo ya 12:
Amakipe yombi agomba kugera ku kibuga mbere y'isaha imwe mbere y'umukino nk'uko amategeko agenga amarushanwa ategurwa na FERWAFA abiteganya.

Iminota y'umukino ni 90' ariko mu gihe amakipe yanganyije hazitabazwa penaliti bivuga ko nta minota 30' ya kamarampaka izajya yongerwaho muri iri rushanwa.

Ingingo ya 13:
Amakipe 8 ya Kigali azakina imikino yo kuvananamo (knockout) hasigare 4 nayo akine muri ubwo buryo hasigare 2 nyuma hashakwe ikipe yatsinzwe neza (meilleure perdante) .Ubwo amakipe y'i Kigali azakina ½ azaba abaye 3.

Amakipe yo mu ntara uko ari 2 azahura umukino umwe wo gukuranwamo (Knockout) hanyuma izatsinda isange amakipe 3 y'i Kigali hakinwe ½ mu buryo bwo gukuranwamo (Knockout).

Umukino wo guhatanira umwanya wa gatatu uzakinwa tariki ya 30/06/2019 naho umukino wa nyuma ukinwe tariki ya 04/07/2019. Komite Nyobozi ishobora guhindura amatariki imikino ya nyuma izaberaho kubera impamvu zumvikana.

Ingingo ya 14:
Ikipe itageze ku kibuga nta mpamvu zumvikana ihanishwa mpaga y'ibitego 3 igahita inakurwa mu irushanwa.

Ingingo ya 15:
Gutanga ikirego bikurikiza amategeko agenga amarushanwa ya FERWAFA

Ingingo ya 16:
Iyo umukino uhagaze bitewe n'impamvu y'ibiza (Cas de force majeur) usubirwamo mu gihe kitarenze amasaha 24 iyo nzitizi y'ikiza ivuyeho hagakinwa iminota yari isigaye. Amakarita n'ibitego byabonetse mu mukino wasubitswe bigumana agaciro.Abakinnyi bari mu mukino igihe wari uhagaze nibo bakina.

Abasifuzi na komiseri b'uwo mukino ntibahinduka keretse hari uwagize ikibazo gikomeye kandi akaba yabimenyesheje FERWAFA.
Mu gihe ikipe yatsinzwe itagarutse gukina uwo mukino iterwa mpaga iyo iyatsinze itagejeje ku bitego bitatu. Igihe ikipe yatsinze ibitego birenze bitatu nibyo bibarwa.

Ingingo ya 17:
Ibidateganywa muri aya mabwiriza bigengwa n' amategeko agenga amarushanwa ya FERWAFA, CAF na FIFA.

UWAYEZU F. Regis
Umunyamabanga Mukuru

Fédération Rwandaise de Football Association